



Our Health
Our Future

ITANGAZO

Mu rwego rwo kunoza serivisi zihabwa abanyamuryango ba *Mituweli* no kubarinda kujya ku biro bya *Mituweli* ku bigo nderabuzima kwerekana ko bishyuye kugira ngo amakarita yabo yongererwe agaciro, bakahahirira ari benshi bigatuma banahatinda;

Ubuyobozi bwa RSSB buramenyesha abanyamuryango ba *Mituweli* **impinduka** zikurikira:

- Umusanzu wa *Mituweli* w'umwaka wa 2018-2019 wishyurwa hakoreshejwe **ikaranabuhanga**;
- Kwishyura hakoreshejwe ikoranabuhanga bishoboka ari uko umukuru w'urugo afite **numero y'indangamuntu** yanditse neza mu Budehe.
- Ubu umuntu ashobora kureba amakuru y'icyiciro cy'ubudehe akanishyura akoresheje telefoni igendanwa:
 1. **Kureba amakuru y'ubudehe** : (kanda *909*1*4*1# cyangwa mu buryo burambuye *909# ubundi ukurikize amabwiriza: 1. Serivisi → 4. Ubudehe na *Mituweli* → 1. Kureba amakuru y'ubudehe, ugashyiramo indangamuntu yawe), waba utibonye cyangwa ugasanga hari amakuru akeneye gukosorwa, ukagana ibiro by'Akagari.
 2. **Kwishyura**: iyo usanze amakuru y'ubudehe atunganye ushobora guhita wishyura (kanda *909*1*4*2# cyangwa mu buryo burambuye *909# ubundi ukurikize amabwiriza: 1. Serivisi → 4. Ubudehe na *Mituweli* → 2. *Mituweli*, ugashyiramo indangamuntu yawe). Numero baguhaye niyo ukoresha wishyura waba ukoresha Mobile Money, Airtel Money cyangwa Tigo Cash.
- **Kwishyura umusanzu kandi bishobora gukorerwa aha hakurikira**:
 1. Mu mirengi **SACCO** yose;
 2. Ku **biro by'Imirengi** yose ahakorera abahagarariye **Irembo** ("Agents");
 3. Ku bahagarariye **Irembo** ("Agents") bari hirya no hino mu Gihugu;
 4. Ku bahagarariye **MobiCash** ("Agents") bari hirya no hino mu Gihugu;
- Umusanzu ushobora **kwishyurwa mu bice** kugira ngo byorohereze urugo rudashoboye kuwishyurira icyarimwe, ariko abagize urugo bagatangira kwivuza ari uko **bose bamaze kwishyura**;



Our Health
Our Future

- Umuntu azajya yishyurira aho azaba ari hose, nta kongera gusabwa kujya aho abarurirwa mu budehe kwishyura cyangwa kongerasha ikarita agaciro;
- Umunyamuryango umaze kwishyura abona **ubutumwa bugufi** bumumenyesha ko umusanzu we wakiriwe mu gihe afite telefoni igendanwa;
- **Kongerera amakarita agaciro ntibizongera gukorwa** kuko amakuru yose ajyanye n'abanyamuryango bishyuye azaba ari mu mashini;
- Igihe cyo kwivuzza, umunyamuryango azajya yerekana **indangamuntu** cyangwa se ikarita ya mituweli ku badafite cyangwa batitwaje indangamuntu.

ICYITONDERWA:

1. Ababarurirwa mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe bishyurirwa na Leta, barasabwa kumenya hakiri kare ko nibura **indangamuntu y'uhagarariye urugo** n'andi makuru byanditse neza mu budehe (bakoresheje telefoni igendanwa cyangwa bakegera Akagali) kugirango batazagira ikibazo mu gihe cyo kwivuzza;
2. Ingo zibarurwamo umuntu cyangwa abantu bafite **ubundi bwishingizi**, mbere yo kwishyura barasabwa kugana agashami ka *Mituweli* kabegereye bitwaje kopi z'amakarita y'ubwo bwishingizi bafite;
3. Ingo zibarurwamo **umuntu ufunze**, mbere yo kwishyura barasabwa kugana agashami ka *Mituweli* kabegereye bitwaje icyemezo cy'uko uwo muntu afunze, kugira ngo babashe kwiyishyurira bonyine hatabaruriwe mo uwo ufunze kuko *Mituweli* ye yishyurirwa muri gereza;
4. **Abishyurira abantu benshi**, bazajya bagana ishami rya RSSB mu Karere ribegereye, bitwaje urutonde ruriho numero y'indangamuntu n'amazina by'uhagarariye urugo yishyurira kugirango rugenzurwe mbere yo kujya kwishyura kuri konti zifunguye muri banki z'ubucuruzi bazaba beretswe.

UGIZE IKIBAZO WAHAMAGARA KU MURONGO UTISHYURWA: 4044


GATERA Jonathan
Umuyobozi Mukuru



18 AVR 2018